REPUBULIKA Y'U RWANDA

INAMA Y'IGIHUGU Y'ABANTU BAFITE UBUMUGA (NCPD)

INYANDIKOMVUGO Y'INAMA YATEGUWE NA NCPD KU ISURWA RYAKOREWE IBIGO BIKORA INSIMBURANGINGO N'INYUNGANIRANGINGO MU RWANDA

INTANGIRIRO

Ku italiki ya 09 Ugushyingo 2012, mu cyumba cy'inama cya LEMIGO Hotel habereye Inama ku igenzura ryakorewe ibigo bikora Insimburangingo n'Inyunganirangingo hagati y'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite ubumuga n'Abayobozi b' Ibitaro bikora insimburangingo n'inyunganirangingo ndetse n'abandi bafatanyabikorwa bafite ibigo byigenga bikora ibikorwa byo kwita ku bantu bafite ubumuga mu Rwanda.

Mu guha ikaze Umushyitsi Mukuru ndetse n'Abitabiriye inama, Bwana Gastone RUSIHA, Perezida w'Inama y'Igihugu y'abantu bafite ubumuga, yashimiye Minisiteri y'ubuzima n' ibigo byasuwe uburyo byagaragaje ibibazo bifite n'uburyo byakemuka. Leta y'Ubumwe bw'Abanyarwanda kuba yarashyizeho NCPD nukugira ngo ijye ikora ubuvugizi ku bibazo bireba abantu bose bafite ubumuga.

Peresida wa NCPD, Bwana Gastone Rusiha atanga ikaze

ABITABIRIYE INAMA

Nk'uko bigaragara ku rutonde abitabiriye inama bagera kuri 60 baturuka mu nzego zitandukanye:

1. Abagizi Inama y'Ubutegetsi ya NCPD 1,
2. Abayobozi b'ibitaro bikora insimburangingo 'inyunganirangino 6,
3. Abayobozi ba za serivise za orthopaedie mubitaro 6,
4. Centre orthopaedic zigenga 12,
5. Abakozi bashinzwe ibikorwa by'Inama y'Igihugu y'abantu bafite ubumuga ku Turere 8,
6. Abahagarariye ibigo n' imiryango mpuzamahanga itegemiye kuri Leta bifasha abantu bafite ubumuga 8,
7. Abakozi ba NCPD 10,
8. Abanyamakuru 3,
9. Abunganira abantu bafite ubumuga 1,
10. District disability affairs officers 5.

GUFUNGURA INAMA KU MUGARAGARO

Inama yafunguwe n'uhagarariye Minisiteri w'Ubuzima Bwana Francois HABIYAMBERE ashimira imikoranire myiza hagati ya Minisiteri y'ubuzima na NCPD. Yashimiye kandi ibitaro byagize uruhare muri iki gikorwa. Yarangije kandi asaba ko hatangwa amakuru yose yatuma ubuzima bw'abantu bafite ubumuga bugenda neza.

Bwana HABIYAMBERE Francois afungura inama

UKO INAMA YAGENZE

1. **Kugaragaraza amategeko arengera abantu bafite ubumuga**

Bwana NDAYISABA Emmanuel, Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa NCPD yatangiye yerekana uburyo hagiye habaho amashyirahamwe atandukanye agamije kwita kubibazo by'abantu bafite ubumuga. Mu 2001 hagiyeho ikitwa FACHR (Federation of Associations and Centers for Persons with Disabilities) ntiyitaga kubibazo byabafite ubumuga muri rusange kuko yagarukiraga ku Intara gusa. Mu 2007 hagiyeho FENAPH (National Federation of Persons with Disabilities) aho yitaga kubibazo by'abantu bafite ubumuga kuva k'umurenge kugera mugihugu hose.

Muri 2010 Itegekonshinga mukurivugurura hashyizweho Inama y'Igihugu y'Abantu bafite ubumuga ifite muntego yayo kuvugira no gukemura ibibazo by'abantu bafite ubumuga.

Amwe mumategeko arengera abantu bafite ubumuga n'aya akurikira:

- Itegeko No 01/2007 rirengera abafite ubumuga muri rusange;
- Itegeko No 02/2007 rirangera abamugariye kurugamba;
- Iteka rya Minisiteri No 01/2009 ryo kuwa 19/06/2009 riha uburenganzira abantu bafite ubumuga ku imikino n'imyidagaduro;
- Iteka rya Minisiteri No 03/09 ryo kuwa 27/7/2009 rirengera abafite ubumuga mukubona akazi;
- Iteka rya Minisiteri No01/09/MININFOR ryo kuwa 10/08/2009 rirengera abafite ubumuga mukubona makuru. Akaba ariyo mpamvu hasghyizweho umukozi uhoraho usemura ururimi rw'amarenge kuri Television y'Urwanda;
- Iteka rya Minisiteri No 02/cab.M/09 ryo kuwa 27/07/2009 rirengera abafite ubumuga mu bijyanye n'ingendo zitandukanye mugihugu;
- Iteka rya Minisiteri No 20/18 ryo kuwa 27/7/2009 rigamije gushyira bafite ubumuga mubyiciro bagendeye k'ubumuga bafite.

2. Kugaragaraza ibikorwa by'ingenzi bya NCPD

Bwana NDAYISABA Emmanuel, Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa NCPD, yagejeje ku bitabiriye inama ibikorwa bikuru NCPD iteganya gukora mu mwaka wa 2012/2013. Muri ibyo yerekanye ko NCPD yifuza gukora ibikorwa bikurikira:

- Gutegura ingenamigambi ry'imyaka 5 (strategic plan) NCPD izagenderaho;
- Kugenzura uko abafite ubumuga bashyirwa muri gahunda za Leta;
- Gutera inkunga imishinga 10 y'Abantu bafite ubumuga ibyara inyungu,;
- Gutera inkunga Ibigo byita ku bana bafite ubumuga bikeneye ubufasha kurusha ibindi;
- Gutegura gahunda yo guca gusabiriza ku bantu bafite ubumuga;
- Kubaka no gushyigikira inzego za NCPD ku rwego rw'Uturere;
- Gukangurira Abaturarwanda bose uburenganzira bw'Abantu bafite ubumuga;
- Guteza imbere Imikino y'abantu bafite ubumuga ku rwego rw'Uturere;

- Gukora ubuvugizi ku bibazo byose bireba abantu bafite ubumuga kugira ngo binjizwe muri gahunda zinyuranye;
- Gutegura Umunsi Mpuzamahanga w'Abantu bafite ubumuga uba ku wa 03/12/2012;
- Gufungura ku mugaragaro Ambassadorial Country Status;
- Gutangiza Ikigega Nyafurika kigamije guteza imbere Abantu bafite ubumuga.

Bwana NDAYISABA Emmanuel atanga ikiganiro

3. **<u>Kugaragaza ikegeranyo cy'ibyavuye mu gikorwa cyo gusura ibigo bikora insimburangingo n'inyunganirangingo.</u>**

Bwana TWAGIRIMANA Eugene, ushinwe imibereho myiza muri NCPD akaba n'umuyobozi w'agateganyo w'ishami ry'imibereho myiza no kungerera ubushobozi abafite ubumuga (Economic and social empowerment unit) yagejeje ku bitabiriye inama uko igikorwa cyo gusura ibigo bikora insimburangingo n'inyunganirangingo cyagenze.

Hasuwe ibigo 12, harimo 5 bya Leta, 3 byigenga bifashwa na Leta na 4 byikorera kugiti cyabyo.

Mucyegeranyo cy'amakuru , ayabonetse n'aya akurikira:

- Byose fite abakozi 47, 13 bize ibya orthopaedic, 34 babonye amahugurwa;
- Abakiriya babona, nibura 2 kumunsi;
- Ubwishingizi mukwivuza, benshi bakorana n'abafite RSSB/RAMA;
- Ntabaterankunga bafite, usibye Gatagara ifite abaterankunga;
- Ntamishinga bafite ibafasha uretse Japan one Love ifite imishinga itandukanye.

Bimwe mubibazo byabonetse:

- Kubura ibikoresho byibanze mugukora insimburangingo n'inyunganirangingo;
- Ibiciro bihanitse mukugura insimburangingo n'inyunganirangingo;
- Ibibazo mugutanga amasoko mukugura insimburangingo n'inyungsnirangingo;
- Igiciro cyibyo bikoresho ntikijyanye nigihe ugereranyije n'ibiciro bya MINISANTE;
- Service ya Orthopaedic mu bitaro byinshi ntangufu bayiha;
- Ntanganda zihari zikora ibikoresho byakoreshwa mugusimbuza ibyangiritse;
- Ntabakozi bahagije bahari mubya orthopaedic;
- Ntamahugurwa ahoraho kubakozi babyigiye;
- Ntaho gukorera hahagije;
- Ibibazo muri transfert y'abarwayi.

IBYIFUZO:

MINISANTE:

- Gusubiramo ibiciro by'insimburangingo n'inyunganirangingo;
- Mutuelle de Sante ikenewe gukoreshwa mukwishyura ibi bikoresho;
- Service ya orthopaedic igombwa kujya kuri organigrame ya MINISANTE;
- Yakenewe gushyirwaho Centre yabonekamo ibikoresho bikenewe mugukora ibi bikoresho.

NCPD:

- Gukomeza gukora ubuvugizi kugirango abafite ubumuga babone insimburangingo n'inyunganirangingo;
- Gukomeza gutanga amakuru kubafite ubumuga kugiranga abakeneye insimburangingo n'inyunganirangingo bazibone.

AMASOMO YIZWE:

- Abafite ubumuga n'abandi bantu batabufite ntamakuru bafite ahagije yaho izo service zitangirwa;
- Habonetse ubushobozi bwo gufasha biriya bigo byakora neza;
- Service ya Physiotherapy ntikwiye gutandukanya na service ya Orthopaedic;
- Abikorera bakeneye gushora imari muri ibi bikorwa.

Yarangije ashimira ibitaro bifite gukora insimburangingo n'inyunganirangingo munshingano zabo, yanashimiye kandi abahuzabikorwa ba NCPD bafatanyije muri iki gikorwa.

Bwana Twagirimana Eugene atanga ikiganiro

IMYANZURO RUSANGE Y'INAMA YATEGUWE NA NCPD KU IGENZURA / ISURWA RYAKOREWE IBIGO BIKORA INSIMURANGINGO N'INYUNGANIRANGINGO MU RWANDA.

MINISANTE:

- Kuvugurura ibiciro by'insimburangingo n'inyunganirangingo;
- Gutanga insimburangingo n'inyunganirangingo kubazikeneye;
- Guha inshingano CAMERWA/MPPD mugutanga no kugurisha ibikoresho bikenerwa mugukora insimburangingo n'inyunganirangingo;
- Itaro bya Gahini, Rilima na Gatagara byaba ibitaro by'ikitegererezo bibonekamo insimburangingo n'inyunganirangingo;

- Kwemerera ibitaro bya Gahini, Rilima na Gatagara gukorana na Mutuelle de Sante;
- Guha amahugurwa abakozi bake mukumenya ururimi rw'amaranga;
- Kwishyura insimburangingo n'inyunganirangingo hakurikijwe ibyiciro by'ubudehe abantu barimo bagakoresha Mutuelle de Sante;
- Korohereza ufite ubumuga mumuryango kubona insimburangingo n'inyunganirangingo;
- Kongera orthopaedic workshops hirya no hino mugihugu;
- Guhugura abakozi bita kubafite ubumuga byumwihariko muri buri Centre de Santé;
- Gukumira ubumuga cyane cyane kubabyeyi batwite;
- Kugura ibikoresho bikenewe bifite quality hifashishijwe abatekenisiye;
- Twifuzagako tarifu ya 2012 y'insimburangingo n'inyunganirangingo imaze kwemezwa na Minisiteri w'ubuzima yakorana na Mutuelle de santé kandi bikihutishwa;
- Gusonerwa amahoro kubazana ibikoresho bikora insimburangingo n'inyunganirangingo;
- Gutera inkunga ibigo bya Leta nibyabikorera bikora insimburangingo n'inyunganirangingo;
- Itegeko rigenga Mutuelle de Sante rikenewe kuvugururwa kugirango ufite ubumuga afite Mutuelle abashe kwivuza.

NCPD:

- Gusaba MINEDUC kwigisha abantu ururimi rw'amarenga;
- Gusaba MINEDUC kuvugurura imfashanyigisho hakabonekamo uburyo bwo kwigisha ururimi rw'amarenga;
- Gusaba MINEDUC kwigisha no guhugura abakozi mubijyanye n' insimburangingo n'inyunganirangingo;
- Irasabwa gushyiraho uburyo bwo gukorera hamwe n'abafatanyabikorwa,i.e "networking with stakeholders".

Bamwe mubitabiriye inama batanga ibitekerezo

GUSOZA INAMA

Bwana RUSIHA Gastone, Perezida w'Inama y'Igihugu y'abantu bafite ubumuga yashimiye uwaje ahagarariye Minisiteri w'ubuzima anashimira kandi abitabiriye inama. Yaboneyeho kumusaba gusoza inama ku mugaragaro, ageza ijambo rikurikira ku bitabiriye inama.

IJAMBO RYA NYAKUBAHWA UHAGARARIYE MINISTIRI W'UBUZIMA RYO GUSOZA INAMA

Bwana HABIYAMBERE Francois uwaje ahagarariye Minisiteri w'Ubuzima yashimiye cyane abitabiriye inama avagako ubufatanye bwa Minisiteri y' ubuzima n'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite ubumuga (NCPD) buzakomeza gutera imbere kugirango imibereho y'Abantu bafite ubumuga igende neza.

Inama yari yatangiye saa tatu n'igice yashoje imirimo yayo saa munani n'igice.

Bikorewe i Kigali kuwa 12 Ugushyingo 2012.

Umwanditsi w'Inama

NDIKUMANA Sosthene